**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Rwamagana, kuwa**03/05/202

**N°**...294.....**/07.05.01**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyagatare**
**NYAGATARE**

**Impamvu: Ibyemezo by'Inama Njyanama yo kuwa 22/04/2023**

Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku byemezo by'Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyagatare yo kuwa 22/04/2023 byangezeho kuwa 28/04/2023;

Ndabashimira ibyemezo mwafashe, nkaba mbasaba ko mwatangira kubishyira mu bikorwa.

Mboneyeho kubasaba ko ibyemezo byajya byandikwa hashingiwe ku biteganywa n'amategeko kandi mu buryo bworohereza gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryabyo nk'uko byemeranijweho mu mwiherero n'abakozi bunganira abayobozi wasojwe kuwa tariki 30/04/2023.

Mugire imirimo myiza.

**CG Emmanuel K. GASANA**
Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**BIMENYESHEJWE:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare;
  **NYAGATARE**

**REPUBULIKA Y'URWANDA**

**Nyagatare kuwa 28/04/2023**
**No..272......07.05.02.09/TC**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA NYAGATARE**
**P.O Box 20 NYAGATARE**
E-mail: districtcouncil@nyagatare.gov.rw

Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba
**RWAMAGANA**

**Impamvu: Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 22/04/2023**

Nyakubahwa Guverineri,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngira ngo mbagezeho imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyagatare yateranye kuwa 22/04/2023. Ku buryo burambuye, iyo myanzuro murayisanga ku mugereka w'iyi baruwa.

Mugire amahoro.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAGATARE
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**KABAGAMBA Wilson**

**Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyagatare**

**Bimenyeshejwe:**

- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **Kigali**

- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka **Nyagatare**

**Uko inama yagenze:**

Ku bijyanye n'ubwitabire bw'Inama Njyanama y'Akarere, abajyanama 17 kuri 17 baritabiriye ku kigereranyo kingana na 100%.

Inama Njyanama imaze kugezwaho inyandiko mvugo y'Inama Njyanama iheruka y'igihembwe cya kabiri yo kuwa 15 Mutarama 2023 yarayisesenguye, imaze kuyikorera ubugororangingo ifata icyemezo gikurikira:

**Icyemezo N⁰ 66/2023**:

***Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'Inama Njyanama iheruka y'igihembwe cya kabiri yo kuwa 15 Mutarama 2023.***

Inama Njyamama imaze kugezwaho raporo ya Komisiyo y'imiyoborere myiza yerekeye gahunda y'ukwezi kwahariwe ubukangurambaga (Inama Njyanama mubaturage) iteganyijwe mu kwezi kwa gatanu 2023, imaze kubona ingengabihe n'ibikorwa biteganyijwe bikubiye mubikorwa bikuru bine aribyo; 1) Icyumweru cyahariwe ibikorwa byo Kwibuka no gufasha abarokotse Genoside yakorewe Abatutsi, 2) Ibikorwa byahariwe inyigisho z'amateka y'igihugu mu rubyiruko binyuze muri Siporo, 3) Ubukangurambaga kumitangire ya serivise by'umwihariko iz'ubutaka, 4) Ibikorwa byahariwe ishyirwa mubikorwa ry'Imihigo

Inama Njyanama ifashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo N⁰ 67/2023**:

***Inama Njyanama yemeje gahunda y'ukwezi kwahariwe ubukangurambaga iteganyijwe mu kwezi kwa gatanu 2023 kandi ikaba ikubiye mubikorwa bikuru bine (4)***

Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo ya Komisiyo y'imibereho myiza ikagaragarizwa ko hari ikibazo cya bimwe mu bigo by'amashuri bidafite umuriro w'amashanyarazi bikabangamira imyigire y'abanyeshuri, imaze kumva ko ikigo gishinzwe gukwirakwiza umuriro w'amasanyarazi mu gihugu (REG) gifite gahunda yo kwegereza amashanyarazi ibigo 25 bifitiye abaturage akamaro (productive use areas) mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2022-2023 ndetse



9

hari n'undi mushinga uteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari utaha wa 2023-2024, ifashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo N⁰ 68/2023:**

***Inama Njyanama yemeje ko hakorwa inyigo izagaragaza ibigo byegereye umuyoboro w'amashanyarazi biri muri gahunda ya REG n'ibiri kure y'umuyoboro bikazahabwa umuriro ukomoka ku mirasire y'izuba (solar) muburyo bwihuse binyuze mu ngengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2023-2024.***

Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo ya Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu n'imari yerekeye ishoramari mu Karere, imaze kugaragarizwa ko hakenewe ingamba zihamye zo guteza imbere ishoramari mu Karere, ifashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo N⁰ 69/2023:**

***Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi ifatanyije n'urugaga rw'abikorera (PSF) hashyirwaho itsinda ngishwanama mw'iterambere ry'Akarere (Investment Forum Committee) rigizwe n'abantu icumi. Munama yaryo yambere rikazashyiraho ubuyobozi n'imirongo migari ijyanye n'inshingano zikubiye mugushakisha no kureshya abashoramari, gutekereza imishinga y'iterambere, no gushakisha abaterankunga.***

Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo y'ishyirwa mubikorwa ry' Igishushanyo Mbonera Cy'Umujyi wa Njyagatare, imaze kubona imyubakire idakwiye ndetse n'umwanda uterwa n'ibice bisigara hagati bitubatse, ifashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo N⁰ 70/2023:**

***Inama Njyanama yemeje ko Komote Nyobozi yandikira abantu bose bafite ibibanza 33 by'ubucuruzi, n'ibibanza 340 byo guturamo mu mujyi wa Nyagatare bagatumizwa mu nama bitarenze ukwezi kwa Gatanu 2023 bagasobanurirwa igishushanyo mbonera cy'umujyi wa Nyagatare, amabwiriza y'imyubakire mu mujyi n'inkengo zawo n'ingamba z'uburyo bwo kubishyira mubikorwa.***



INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAGATARE
REPUBULIKA Y'U RWANDA

Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'ubukungu n'imari yerekeye isura ry'imishinga minini ikorera mu karere, imaze kubona ko inganda zirimo kubakwa zigeze kugipimo gishimishije zikaba ziri hafi kuzura harimo uruganda rw'amata y'ifu, ibagiro rya kijyambere ndetse n'uruganda rw'ifu y'ibigori ubu rwatangiye gukora, mu rwego rwo guteganya ibyo inganda zigiye kurangira zi zakenera igihe zatangiye gukora :ifashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo N⁰ 71/2023**

***Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi ihuza ishami ry'ubuhinzi n'ubworozi, ishami ry'ubucuruzi n'urwego rw'abikorera hagashyirwaho ingamba zirambye zo gushaka ibizakenerwa n'izo nganda n'ingengabihe y'ibikorwa by'ubukangurambaga n'ishyirwa mubikorwa by'izo ngamba bitarenze ukwezi kwa gatandatu 2023.***

Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'ubukungu n'imari yerekeye isura ry'imishinga minini ikorera mu karere by'umwihariko umushinga w'ubuhinzi bwa kijyambere witwa Gabiro Agri-Business Hub, imaze kubona ko muri uwo mushinga hakirimo ibibazo bibangamiye abaturage bitarabonerwa igisubizo, ifashe icyemezo gikurikira:

**Icyemezo N⁰ 72/2023**

***Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi ishyiraho itsinda ryihariye rikurikirana ibibazo by'abaturage bikigaragara mu Mushinga wa Gabiro Agri-Business Hub n'indi mishanga bifitanye isano bitarenze ukwezi kwa gatandatu 2023.***

| | |
|---|---|
| **UMURERWA Aisha** | **KABAGAMBA Wilson** |
| **Umunyamabanga w'Inama Njyanama** | **Umuyobozi w'Inama Njyanama** |
| **y'Akarere ka Nyagatare** | **y'Akarere ka Nyagatare** |

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAGATARE
REPUBULIKA Y'U RWANDA